# 87: Umugisha w'Imana

1.
Umugisha w'Imana ni wo nkeneye rwose Ndashaka kubatizwa muri wa Mwuka Wera. Nejejwe mu mutima n'amasezerano ye Yaransezeranije kump' uwo Mwuka Wera.

Ref:
Umugish' atanga, umugish' atanga, Uva mu buntu bwe ni nk' amazi menshi.
Arawunyuzuz' ubu, abasha no kunkiza, Niyu bahwe rwose n'Umukiza wanjye.

2.
Itorero ry'Imana n'iryo guhabw' imvura, Isoko y'umugisha dor' iradudubiza.
Twishimir' ubugingo twahawe n'lhoraho. Haleluya, dushime, dushimir' Umukiza!

3.
Ibicu by'agakiza bitugezeho rwose Utwuzurize Man' imitima yacu twese. Abera bawe bose bahore bezwa nawe. Haleluya, dushime, dushimir' Umukiza!

4.
Ibicu by'agakiza bitugezeho rwose. Turagusaba, Mana, ubyohereze mw isi.
Ibihumbi by'abantu biha bw' ako gakiza. Haleluya, dushime, dushimir' Umukiza!

Visit us at indirimbo.com